



REPUBLIKA Y'U RWANDA



IGIPIMO CY'IHINDAGURIKA RY'IBICIRO (CPI)

UKWEZI KWA MATA 2020

10 Gicurasi 2020

IKIGO CY'IGIHUGU CY'IBARURISHAMIBARE MU RWANDA

IGIPIMO CY'IHINDAGURIKA RY'IBICIRO MU KWEZI KWA MATA 2020

Ikigo cy'igihugu gishinzwe ibarurishamibare mu Rwanda kinejewe no kubagezaho igipimo cy'ihindagurika ry'ibiciro mu kwezi kwa Mata 2020. Igipimo ngenderwaho cyifashishwa mu bukungu bw'u Rwanda kiboneka hifashishijwe gusa ibiciro byakusanyijwe mu mijyi.

A. Ibiciro mu mijyi

Ibiciro mu mijyi byiyongereyeho 8% mu kwezi gushize kwa Mata 2020 ugereranyije na Mata 2019. Twakwibutsa ko ihinduka ry'ibiciro mu kwezi kwa gatatu (Werurwe 2020) ryari ku kigereranyo kingana na 8,5%.

Bimwe mu byatumye ibiciro byiyongeraho 8% mu kwezi kwa Mata ni ibiciro by'ibiribwa n'ibinyobwa bidasembuye byazamutseho 15,8%, ibiciro by'ibinyobwa bisembuye n'itabi byazamutseho 17,4% n'ibiciro by'amazu, amazi, amashanyarazi, gazi n'ibindi bicanwa byazamutseho 6,5%.

Iyo ugereranyije Mata 2020 na Mata 2019, usanga ibiciro by'ibintu bitarimo ibiribwa n'ibikomoka ku ngufu byarazamutseho 4,6%.

Wagereranya ukwezi kwa kane (Mata 2020) n'ukwezi kwa gatatu (Werurwe 2020), ibiciro byagabanutseho 0,2%. Iri gabanuka ahanini ryatewe n'ibiciro by'ibiribwa n'ibinyobwa bidasembuye byagabanutseho 2,1%.

B. Ibiciro mu byaro

Mu kwezi kwa Mata 2020, ibiciro mu byaro byiyongereyeho 11,7% ugereranyije na Mata 2019. Twakwibutsa ko ihinduka ry'ibiciro mu byaro mu kwezi kwa gatatu (Werurwe 2020) ryari ku kigereranyo kingana na 16,5%.

Bimwe mu byatumye ibiciro byiyongeraho 11,7% mu kwezi kwa Mata ni ibiciro by'ibiribwa n'ibinyobwa bidasembuye byazamutseho 20% n'ibiciro by'ibinyobwa bisembuye n'itabi byazamutseho 23,2%.

Ugereranyije ukwezi kwa kane (Mata 2020) n'ukwezi kwa gatatu (Werurwe 2020), ibiciro byagabanutseho 3%. Iri gabanuka ahanini ryatewe n'ibiciro by'ibiribwa n'ibinyobwa bidasembuye byagabanutseho 3,4% n'ibiciro by'amazu, amazi, amashanyarazi, gazi n'ibindi bicanwa byagabanutseho 8%.

Ibiciro bikomatanyirijwe hamwe (mu mijyi no mu byaro)

Mu kwezi kwa Mata 2020 ibiciro mu Rwanda byiyongereyeho 10,1% ugereranyije na Mata 2019. Twakwibutsa ko ihinduka ry'ibiciro mu Rwanda mu kwezi kwa gatatu (Werurwe 2020) ryari ku kigereranyo kingana na 13,1%.

Bimwe mu byatumye ibiciro byiyongeraho 10,1% mu kwezi kwa Mata 2020 ni ibiciro by'ibiribwa n'ibinyobwa bidasembuye byazamutseho 18,7% n'ibiciro by'ibinyobwa bisembuye n'itabi byazamutseho 21,3%.

Iyo ugereranyije ukwezi kwa kane (Mata 2020) n'ukwezi kwa gatatu (Werurwe 2020) ibiciro byagabanutseho 1,8%. Iri gabanuka ahanini ryatewe n'ibiciro by'ibiribwa n'ibinyobwa bidasembuye byagabanutseho 3% n'ibiciro by'amazu, amazi, amashanyarazi, gazi n'ibindi bicanwa byagabanutseho 3,3%.

Imbonerahamwe igaragaza incamake y'ihindagurika ry'ibiciro mu Rwanda kuva muri Mata 2019 kugeza muri Mata 2020.

| Imbonerahamwe igaragaza incamake y'ihindagurika ry'ibiciro mu Rwanda kuva muri Mata 2019 kugeza muri Mata 2020 | | | | | | | | | | | | | |
|--|------|------|------|------|-----|-----|-----|------|------|------|------|------|------|
| <i>ijanisha ry'ihinduka ry'ibiciro ugereranyije n'ukwezi bisa k'umwaka ushize n'ukwezi kwakubanjirije</i> | | | | | | | | | | | | | |
| | 2019 | | | | | | | | | 2020 | | | |
| | 04 | 05 | 06 | 07 | 08 | 09 | 10 | 11 | 12 | 01 | 02 | 03 | 04 |
| Ihindagurika ry'ibiciro ku mwaka mu mijyi | 0,2 | 0,0 | 0,9 | 1,9 | 2,3 | 3,1 | 4,4 | 6,9 | 6,7 | 7,3 | 8,7 | 8,5 | 8,0 |
| Ihindagurika ry'ibiciro ku mwaka mu byaro | -0,7 | -0,7 | 0,9 | 1,3 | 3,2 | 5,8 | 9,2 | 15,5 | 15,8 | 14,6 | 17,1 | 16,5 | 11,7 |
| Ihindagurika ry'ibiciro ku mwaka mu Rwanda | -0,3 | -0,4 | 0,9 | 1,6 | 2,8 | 4,6 | 7,2 | 11,8 | 11,9 | 11,5 | 13,5 | 13,1 | 10,1 |
| Ihindagurika ry'ibiciro ku kwezi mu mijyi | 0,3 | 0,9 | 0,0 | 0,0 | 0,9 | 0,9 | 0,6 | 1,9 | -0,3 | 0,6 | 1,6 | 1,0 | -0,2 |
| Ihindagurika ry'ibiciro ku kwezi mu byaro | 1,2 | 0,8 | -0,1 | -0,2 | 2,5 | 2,2 | 1,9 | 5,2 | -1,1 | -1,1 | 1,8 | 2,5 | -3,0 |
| Ihindagurika ry'ibiciro ku kwezi mu Rwanda | 0,9 | 0,8 | -0,1 | -0,1 | 1,8 | 1,6 | 1,4 | 3,8 | -0,8 | -0,4 | 1,7 | 1,9 | -1,8 |

Isoko: Ikigo cy'igihugu gishinzwe ibarurishamibare mu Rwanda

Ku bindi bisobanuro:

Ikigo cy'Igihugu gishinzwe Ibarurishamibare mu Rwanda (NISR)

Agasanduku k'Iposita 6139 Kigali,

Tel:+250 -788383103 Hot line: 4321

Web site: www.statistics.gov.rw /CPI Indexes

Email: info@statistics.gov.rw